

ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

UMURYANGO NYARWANDA UHARANIRA GUTEZA IMBERE NO KURENGERA UBURENGANZIRA BWA MUNTU (LIPRODHOR), URASHIMA BYIBAZEYO ICYEMEZO CYAFASHWE NA LETA Y'U RWANDA CYO GUHASHYA IKORESHA RY'IMBARAGA Z'UMURENGERA ZAKORESHWAGA NA BAMWE MU BA POLISI MU RWEGO RWO KUBAHIRIZA AMATEGEKO.

- YABA ITANGAZO MPUZAMAHANGA RY'UBURENGANZIRA BWA MUNTU RYATANGAJWE N'UMURYANGO W'ABIBUMBYE RYO KU WA 10/12/1948,
- YABA AMASEZERANO MPUZAMAHANGA ARENGERA UBURENGANZIRA BWA MUNTU LETA Y'U RWANDA YASHYIZEHO UMUKONO,
- YABA ITEGEKO NSHINGA RYA REPUBULIKA Y'U RWANDA RYA 2003 NK'UKO RYAVUGURUWE MU MWAKA WA 2015,

AYA MATEGEKO YOSE ASHIMANGIRA KO UBUZIMA BW'UMUNTU ARI UBW'AGACIRO GAKOMEYE, KO BUGOMBA KUBAHWA NA BURI WESE, KO KANDI NTA MUNTU UKWIRIYE KUBUVUTSWA.

NK'UKO BYAGARAGAJWE MURI RAPORO YA LIPRODHOR 2018-2019, BAMWE MU BAPOLISI BAJIYE BAKOresha IMBARAGA Z'UMURENGERA MU GIHE BABAGA BARI GUKURIKIRANA BAMWE MU BAKEKWAGAHO IBYAHA BITANDUKANYE.

BAMWE MU BAKURIKIRANWAGA BAJIYE BABITAKARIZAMO UBUZIMA BARASHWE BATABONYE AMAHIRWE YO KUGEZWA IMBERE Y'UBUTABERA.

MU MPAMVU ZATANGAZWAGA NA POLISI Y'IGIHUGU, HAVUZWE KO ABARASHWE BABAGA BARIMO KUGERAGEZA GUCIKA CYANGWA KURWANYA INZEGO Z'UMUTEKANO.

TURASHIMA LETA Y'U RWANDA KU CYEMEZO YAFASHE, AHO NYAKUBAHWA PEREZIDA WA REPUBULIKA YIJEJE ABANYARWANDA KO IKIBAZO CY'ABAPOLISI BAKOresha IMBARAGA Z'UMURENGERA MU KUBAHIRIZA AMATEGEKO KIGIYE GUCIKA NDETSE N'ABABIKOZE BAGAKURIKIRANWA,

MAP



**AKABA YARABITANGAJE MU KIGANIRO YAGIRANYE N'IKIGO CY'IGIHUGU
CY'ITANGAZAMAKURU RBA (Rwanda Broadcast Agency) KU CYUMWERU
TARIKI YA 06/09/2020**

**LIPRODHOR IBONEYEHO GUSABA LETA Y'U RWANDA KO ABAPOLISI BAKOZE
IBI BIKORWA BOSE BAGOMBA KUBIRYOZWA BAGAKURIKIRANWA
BAGAHANWA NK'UKO AMATEGEKO ABITEGANYA.**

**LIPRODHOR IBONEYEHO GUSABA ABANYARWANDA NABO KWITWARARIKA
NTIBISHORE MU BYAHA CYANGWA MU BIKORWA BITEMEWE N'AMATEGEKO
BYABAKURURIRA AMAKUBA, KANDI BAKANARANGWA N'IMYITWARIRE
IBONEYE MU GIHE BAFASHWE BAKEKWAHO IBYAHA. IBYO BIZABAFASHA
KURINDA UBUZIMA BWABO BIFASHE NA BA BAPOLISI KWIRINDA
GUHUNGABANYA UBUZIMA BW'ABO BAFASHE.**

“Twese hamwe , dufatanije, duteze imbere kandi turengere uburenganzira bwa muntu”

Bikorewe i Kigali, ku wa 08/09/2020

Pasitori MUSHIMIYIMANA Pierre Damien

Perezida wa LIPRODHOR

